# ITANGAZO

Mu rwego rwo kwizihiza imyaka 60 Umuryango w'Abibumbye umaze ushinzwe, isabukuru izabera i Genève mu Busuwisi tariki ya 26 /06/2005, Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo irasasaba abahanzi bashushanyisha amarangi (peintre) cyangwa bashushanya ku biti cyangwa ku mabuye (sculpture) kuyigezaho bitarenze tariki ya 22 Gashyantare 2005, inyandiko isobanura ibihangano ndangamuco by'umwimerere nyarwanda bifuza kuzamurika mu mihango y'iyo sabukuru (dossier tehnique de l'oeuvre et son ou ses auteurs). Iyo nyandiko yaba ikubiyemo umwirondoro w'umuhanzi, izina ry'igihangano cye, igihe cyahangiwe, tekiniki yakoreshejwe, ibipimo byacyo, uburyo cyamurikwa n'ibindi bisobanuro bya ngombwa ku gihangano.

Abakeneye ibindi bisobanuro babariza m'Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni kuri Sitade Amahoro aho iyo Minisiteri ikorera cyangwa bagaterefona kuri 583525/583531 cyangwa kuri 08458730.

**HABINEZA Joseph**
Minisitiri w'Urubyiruko,
Umuco na Siporo